REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan, MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

MU MUHANGO WO GUSOZA KU MUGARAGARO UMWIHERERO W'ABAJYANAMA B'AKARERE KA NYARUGENGE

Bugesera,*Golden Tulip Hotel*, kuwa 15 Ukwakira, 2017

- **Nyakubahwa Perezida w'Inama Nyanama y'Akarere ka Nyarugenge;**
- **Ba Nyakubahwa Bajyanama b'Akarere ka Nyarugenge,**

Muraho Neza.

1. **Mu gutangira munyemerere mbanze mbashimire cyane kuba mwantumiye kugira ngo nze kwifatanya namwe mu Gusoza uyu Mwiherero mumazemo iminsi ibiri (2).**

2. **Ndashimira kandi buri wese witabiriye uyu Mwiherero ugamije gushyiraho uburyo bwo kumva kimwe Imihigo, kuganira ku bijyanye n'itangwa rya serivisi hagamijwe gukomeza guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'Abaturage.**

3. **Uyu Mwiherero mwawuteguye igihe cyiza.**

4. **Mu cyumweru gishize, kuwa 06/10/2017, nibwo hagaragajwe uko Minisiteri n'Uturere byesheje Imihigo y'Umwaka Ushize wa 2016-2017.**

5. **Ninabwo kandi hasinywe Imihigo Mishya y'Umwaka w'Ingengo y'Imari turimo wa 2017-2018.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @MIFOTRA***

6. **Ni byiza rero ko mwahise mwiherera mugasuzumira hamwe uko umwaka ushize wagenze, kandi mugafata ingamba zo kwesa imihigo y'umwaka turimo.**

7. **Reka mbonereho no kubashimira cyane umwanya wa Gatanu (5) mwagize mu kwesa Imihigo y'Uturere y'Umwaka ushize wa 2016-2017.**

8. **Uyu mwanya wa 5 mwawugezeho muvuye ku mwanya wa 18 mwariho umwaka wa 2015-2016. Ni intambwe ikomeye mwateye yo kwishimira cyane.**

9. **Amanota 79.71 Akarere ka Nyarugenge kagize yagashyize mu Itsinda rya Kabiri ririmo Uturere 25 twabonye amanota ari hagati ya 75% na 80%.**

10. **Ndizera ntashidikanya ko ingamba mwafashe muri uyu Mwiherero zizatuma mukomeza kuza mu myanya y'imbere mukava mu Itsinda rya Kabiri, mukajya mu Itsinda rya mbere, byaba byiza cyane mukanariyobora.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @MIFOTRA***

- **Ba Nyakubahwa Bajyanama,**

11. Mu muhango wo gusinya Imihigo y'Umwaka w'ingengo y'imari turimo wa 2017-2018 no kugaragaza uko Minisiteri n'Uturere byesheje Imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari ushize wa 2016-2017, hagarutswe kuri zimwe mu mpamvu zatumye zimwe mu Nzego zesa Imihigo neza.

12. Izo mpamvu tugomba kuzirikana, munyemerere nzigarukeho:

- **Gutegura neza Imihigo hibandwa ku Mihigo igira uruhare rugaragara mu guhindura imibereho y'abaturage;**
- **Gushyira mu bikorwa neza imihigo/*targets* no gukorera ku gihe;**
- **Gutegura neza raporo y'ibyakozwe no kuyibika neza;**
- **Gukurikirana neza ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo;**
- **Gukoresha neza ingengo y'imari;**
- **Kugira imikoranire myiza n'Abafatanyabikorwa batandukanye.**

13. Ibi bizashoboka kubera inama nziza mwiyemeje gukomeza gutanga n'imikoranire myiza ikwiye gukomeza kubaranga.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

14. **Nitubyubahiriza bizadufasha kwesa Imihigo bityo ubukungu bw'Akarere bwiyongere kandi Imibereho y'Abaturage ibe myiza kurushaho.**

15. **Inshingano z'Inama Nyanama y'Akarere nkuko ziteganywa n'Itegeko zirasobanutse kandi ziyiha ububasha bukenewe kugira ngo Imihigo ishyirwe mu bikorwa uko bikwiye, mu bufatanye n'imikoranire myiza na Komite Nyobozi.**

16. **Inshingano z'Inama Nyanama iyo zishyizwe neza mu bikorwa, nta gushidikanya Imihigo igerwaho neza, igatanga umusaruro.**

- **Ba Nyakubahwa Bajyanama,**

17. **Hari ibibazo tugomba kwibaza bikadufasha gusuzuma neza uko dushyira mu bikorwa inshingano zacu:**

  - **Ni gute buri wese ashyira mu bikorwa inshingano ze?**
  - **Ese utujuje inshingano ze neza arabiryozwa?**
  - **Ese Abaturage tubaha *feedback* mu buryo buhoraho? Tubagenera umwanya uhagije wo kumva no gukemura ibibazo byabo?**
  - **Ese tumenya ku gihe ko Imishinga runaka irimo ibibazo?**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

- **Komisiyo zinyuranye dufite muri Njyanama zishyira mu bikorwa neza inshingano zazo kandi mu buryo bwuzuzanya?**
- **Imikoranire hagati ya Njyanama na Nyobozi tuyinoza dute hagamijwe kuzuzanya?**
- **Abafatanya bikorwa bacu banyuranye dukorana nabo dute?**
- **Imiterere yihariye y'Akarere kacu ka Nyarugenge tuyibyaza umusaruro dute?**

18. Muri urwo rwego, ndabasaba ko twakomeza kuzirikana ibi bikurikira bizadufasha kwesa neza Imihigo:

- **Buri wese akwiye gukora inshingano ze neza kandi akazuzuza uko bikwiye;**
- **Guha uruhare abaturage mu bibakorerwa (*citizen participation and engagement*);**
- **Gusobanurira Abaturage Imihigo kuko uruhare rwabo mu kuyishyira mu bikorwa ari ingenzi;**
- **Gushyiraho uburyo bufatika bwa *supervision* n'ikurikirababikorwa (*Monitoring&Evaluation*);**
- **Gushyiraho uburyo bwo gukemura ibibazo Abaturage bafite tukabarinda gusiragira;**
- **Kurangwa n'imikoranire inoze hagati ya Njyanama na Nyobozi;**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

- **Guteza imbere uruhare rw'Abafatanya bikorwa banyuranye mu bikorerwa mu Karere (Abikorera, Sosiyeti Sivile, Amadini, n'abandi bose);**

- **Kubyaza umusaruro mu buryo bufatika imiterere y'umwihariko w'akarere ka Nyarugenge kazwi kuba ari *Central Business District*; bityo umwihariko wako mu bijyanye n'imisoro igamije iterambere ry'Igihugu ugakomeza kwigaragaza.**

19. **Hari kandi ibyo maze iminsi mbona mu binyamakuru nizera ntashidikanya ko mukomeje kubifatira ingamba. Ni byiza ko nahano tubigarukaho:**

   - **Igipimo cy'Ubwisungane mu kwivuza (*Mutuelles de Santé*);**
   - **Ibibazo byagaragaye mu mikoreshereze y'ingengo y'Imari mu myaka ishize.**

20. **Mukomeze mufate ingamba zituma abaturage barushaho kwitabira ibijyanye n'ubwisungane mu kwivuza no guhabwa serivisi nziza z'ubwo bwisungane.**

21. **Mukomeze mufate ingamba zituma mu myaka iri imbere Akarere ka Nyarugenge katazongera kugaragara mu Turere tujya kwisobanura muri *PAC*.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

22. Ibi byose kubigeraho birashoboka mwubakiye ku byiza mugenda mugeza ku Karere, imbaraga, ubushake no kwitanga n'imikoranire myiza mugaragaza.

- **Ba Nyakubahwa Bajyanama**

23. Ndashaka kandi ko twibukiranya ubutumwa Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda adahwema kuduha bwo gukora neza, kandi cyane, nk'abikorera, nta guta igihe.

24. Iminsi mumaze muri uyu Mwhiherero ndizera ntashidikanya ko ibahaye mwese umurongo mushya wo kuzana impinduka zisumbuye mu gushyira mu bikorwa Imihigo y'Akarere mwagiranye na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika.

25. Muharanire ko Serivisi zitangwa mu Karere zitangwa mu buryo bunoze bityo abazihabwa barusheho kuzishimira haba ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge no ku rwego rw'Akarere.

26. Twiteguye gukomeza gufatanya n'Inzego zose mu kubaha inkunga yose mwakenera.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

27. Munyemerere nsoze uyu Mwiherero nongera kubashimira cyane.

28. Mugire Amahoro n'Urugendo ruhire musubira mu ngo zanyu.

29. Murakoze. Imana ibahe Umugisha.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*